Mata, 2023

# NYAMAGABE DISTRICT NEWSLETTER

Amakuru yaranze Mata, 2023

www.nyamagabe.gov.rw

## KWIBUKA29: NYAMAGABE HATANGIYE ICYUMWERU CY'ICYUNAMO N'IMINSI 100 YO KWIBUKA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI

### URUBYIRUKO RWIBUKIJWE KUGIRA URUHARE MURI GAHUNDA ZA LETA



*Soma page 4*

### ABAKOZI B'AKARERE BASABWE GUHANGA AMASO KU MUSARURO W'AKAZI



*Soma page 9*




Ku wa 07 Mata 2023, mu Karere ka Nyamagabe kimwe n'ahandi mu Gihugu hatangifye ibikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 29 jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 maze abaturage basabwa kwirinda ingengabitekerezo ya jenoside ndetse no kwirinda gukomeretsa abarokotse.

*Soma page 2-3*

# Kwibuka29: Nyamagabe hatangiye icyumweru cy'icyunamo n'iminsi 100 yo kwibuka jenoside yakorewe abatutsi




Ku wa 07 Mata 2023, mu Karere ka Nyamagabe kimwe n'ahandi mu Gihugu hatangifye ibikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 29 jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 maze abaturage basabwa kwirinda ingengabitekerezo ya jenoside ndetse no kwirinda gukomeretsa abarokotse.

Ni umuhango watangirijwe ku rwibutso rwa Nyamigina ruri mu Murenge wa Tare aho hahuriye abayobozi, abarokotse ndetse n'abaturage b'uyu Murenge.

Mu ijambo yagejeje ku bitabiriye uyu muhango, Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Hildebrand Niyomwungeri yasabye ko igihe cyo kwibuka kirangwa n'ituze, ubumuntu n'ubworoherane.



Yagize ati "abarokotse jenoside yakorewe abatutsi baracyafite ibikomere batewe nayo bibaza impamvu biciwe, batotejwe ndetse bamwe bakibaza impamvu bafite ibikomere batewe na jenoside nk'ihungabana n'ubundi burwayi. Iki ni igihe cyo kutabakomeretsa ukundi, ni igihe cyo kubakomeza twirinda amagambo akomeretsa, apfobya, ahakana n'aha ishingiro jenoside yabakorewe".

Umuyobozi w'Akarere yavuze ko ari igihe cyo gushyigikira incike, abapfakazi n'impfubyi ndetse kikaba n'igihe cyo kubereka urukundo.

Umuyobozi w'Akarere yasabye ababyeyi n'abantu bakuru muri rusange kuganiriza abana bakababwiza ukuri ku mateka y'u Rwanda birinda kuyagoreka no kugendera ku binyoma by'abagifite ingengabitekerezo ya jenoside.

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe, Uwamahoro Clothilde akaba yari n'umushyitsi mukuru muri uyu muhango yavuze ko kwibuka jenoside yakorewe abatutsi ari umwanya wo gusubiza amaso inyuma, kongera gutekereza no kuganira ku mateka yaganishije Igihugu kuri jenoside.



www.nyamagabe.gov.rw

Yagize ati "Iyo twibuka jenoside yakorewe abatutsi twibuka abatutsi bishwe, twibuka ibihe bikomeye by'itotezwa babayemo mu buzima bwabo bwose. Uyu munsi turabibuka, tukabunamira, tukabasubiza agaciro bambuwe. Tuzirikana indangagaciro zabaranze mu gihe bari bakiriho ndetse bikaba byaratumye abasigaye barazigize impamba".





Mu rwego rwo gutangiza icyumweru cy'icyunamo n'iminsi 100 yo kwibuka ku nshuro ya 29 jenoside yakorewe abatutsi mu 1994, ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Murambi ruri mu Murenge wa Gasaka, abayobozi ndetse n'abaturage bacanye urumuri rw'icyizere ndetse bunamira banashyira indabo ku mva ziruhukiyemo abarenga 50,000 bashyinguye muri uru rwibutso.





Muri uyu muhango, abayobozi, abarokotse ndetse n'abaturage bunamiye kandi banashyira indabo ku rwibutso rwa Nyamigina rushyinguyemo 4201 bazize jenoside yakorewe abatutsi mu 1994.



www.nyamagabe.gov.rw

# Urubyiruko rwibukijwe kugira uruhare muri gahunda za Leta




Ku wa 24 Mata 2023, muri salle y'Umurenge wa Gasaka, Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Hildebrand Niyomwungeri yayoboye inama yahuje abahagarariye inzego z'urubyiruko ku rwego rw'Akarere n'Imirenge.

Ni inama yitabiriwe n'Umuyobozi Mukuru muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) ushinzwe ubukangurambaga no guhuza ibikorwa by'urubyiruko rw'abakorerabushake, Richard Kubana ari hamwe n'Umuvugizi wa Police Wungirije ACP Rutikanga.

Inama kandi yitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza, Uwamariya Agnes, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere Ngarambe Alfred n'Umuyobozi w'Imirimo Rusange mu Karere, Ndayambaje Aime Joel.



Iyi nama yitabiriwe n'abahagarariye urubyiruko rw'abakorerabushake ku rwego rw'Akarere n'Imirenge, abagize inama y'igihugu y'urubyiruko mu Karere ndetse n'izindi nzego z'urubyiruko.

Mu kiganiro yagejeje ku rubyiruko, Umuyobozi Mukuru muri MINALOC yasobanuye uko urubyiruko rugomba kugira uruhare muri gahunda za Leta aviga ko ibyo Leta isabwa iba yabitanze, abaturage nabo bagomba gutekereza ibyo basabwa mu kubaka Igihugu.



Umuvugizi wa Police Wungirije, ACP Rutikanga agarutse ku ruhare rw'urubyiruko mu kwicungira umutekano abashimira uko bafatanya na Police. Yibukije ko bagomba gukomeza gufatanya n'ubuyobozi mu gukemura ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage.

Urubyiruko kandi rwibukijwe uruhare mu gukomeza gukumira ibyaha ndetse n'impanuka zo mu muhanda by'umwihariko.

Abitabiriye kandi basabwe gukomeza gukoresha neza imbuga nkoranyambaga bagaragaza isura y'u Rwanda kandi bakereka ukuri abakoresha izo mbuga basebya Igihugu.

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe yijeje urubyiruko ubufatanye mu bikorwa byose bafite, avuga ko Akarere kabona kandi gaha agaciro uruhare rw'urubyiruko mu iterambere ryako.

# Minisitiri Bayisenge yasabye urubyiruko gusigasira ibyagezweho



Ku wa 21 Mata 2023, Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, Prof. Bayisenge Jeannette yifatanyije n'abaturage b'Akarere ka Nyamagabe mu gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 29 jenoside yakorewe abatutsi, igikorwa cyabereye ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Murambi maze asaba urubyiruko kwigira ku butwari bw'ababohoye Igihugu maze bagasigasira ibyagezweho.

Ni igikorwa cyitabiriwe na bamwe mu ntumwa za rubanda, abayobozi b'Akarere, inzego z'umutekano, abayobozi b'amadini n'amatorero, abarokotse jenoside yakorewe abatutsi n'abaturage.

Muri iki gikorwa hagarutswe ku mateka y'icyahoze ari Perefecture Gikongoro, hasobanurwa uko ingengabutekerezo ya jenoside yigishijwe igihe kirekire.



Hagarutswe by'umwihariko ku buryo abahungiye i Murambi bari bizeye ko ariho bazarindirwa ariko bakaza kwicwa barashweho n'ingabo za Leta zifatanyije n'interahamwe.

Mu ijambo rya Minisitiri Bayisenge yavuze ko ababyeyi bakwiye kwibaza uko barimo barerera u Rwanda rw'ejo hazaza, by'umwihariko bakagaruka ku rubyiruko.

Yagize ati "Ese urubyiruko murimo kwiga amateka y'Igihugu cyanyu kugira ngo mubashe kwitandukanyiriza ukuri n'ikinyoma?,... Rubyiruko muri hano rero, ni mwebwe uru Rwanda rwiza mubona duhagazemo urw'ejo hazaza rushingiyeho. Ndongera kubasaba kwiga amateka kuko ibi byose tuvuga ntabwo mwabibonye, ntabwo u Rwanda mu 1994 ari uku rwari rumeze".

Minisitiri yibukije urubyiruko gukunda Igihugu batizigamye kandi bakigira ku bari mu Nkotanyi ubutwari bwabaranze babohora Igihugu.

Ati "Gukunda Igihugu cyacu ni ukugikorera mutizigamye mwigira amasomo ku ngabo za FPR Inkotanyi, twazishimye kandi turacyazishima kuko zaduhaye Igihugu zirokora abanyarwanda ziduha Igihugu gitekanye,.... ni mwebwe ba mbere bo gusigasira ibi tugezeho kuko Inkotanyi zirokora abatutsi bicwaga, zigarurira u Rwanda icyizere banganaga namwe".



Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Niyomwungeri Hildebrand yashimiye ubuyobozi bukuru bw'igihugu bwiyemeje kwimakaza ubumwe n'ubudaheranwa mu banyarwanda bukanatanga urubuga rwo kwibuka abatutsi bazize jenoside.

Yavuze ko ari uburyo bwiza bwo kuzirikana amateka mabi Igihugu cyanyuzemo maze abaturage bakahavana amasomo yo kutazayasubiramo ukundi.

**Andi mafoto yaranze igikorwa cyo Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ku Rwibutso rwa Murambi**























www.nyamagabe.gov.rw

# Mu Murenge wa Kaduha hibutswe hanashyingurwa mu cyubahiro imibiri 5





Ku wa 21 Mata 2023, mu Murenge wa Kaduha habereye igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 29 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.



Ni igikorwa cyitabiriwe na Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, Alice Kayitesi ari hamwe na bamwe mu bagize Inteko Ishinga Amategeko Umutwe w'Abadepite ndetse n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Thaddee Habimana.

Muri iki gikorwa hagarutswe ku buryo jenoside yakorewe abatutsi yateguwe ikanashyirwa mu bikorwa n'umwihariko w'ubwicanyi bwakozwe muri iki gice cyahoze ari Ubunyambiriri.



Mu Rwibutso rwa Kaduha kandi hashyinguwe mu cyubahiro imibiri 5 yabonetse.

Guverineri Kayitesi yashimiye abitabiriye, yihanganisha Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi abashimira impano ikomeye yo kwihangana no kwemera guhobera ubuzima no kwemera gutanga imbabazi kugira ngo u Rwanda rwongere rubeho mu bumwe bw'abarutuye.

Yibukije kwirinda no kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside asaba abaturage baba bazi ahaba hari imibiri idashyinguye mu cyubahiro gutanga ayo makuru kugira ngo basubizwe agaciro bambuwe

# Abakozi b'Akarere basabwe guhanga amaso ku musaruro w'akazi

Ku wa 18 Mata 2023, Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, Kayitesi Alice ari hamwe n'abagize inama y'umutekano itaguye y'Intara bakoranye inama n'abayobozi, abakozi ndetse n'abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge mu Karere ka Nyamagabe.

Iyi nama yari igamije kuganira ku kuzamura imikorere n'imikoranire biganisha ku kugera ku musaruro wifuzwa.





Ni inama ikozwe nyuma y'uko Akarere ka Nyamagabe katitwaye neza mu mihigo y'umwaka w'ingengo y'imari 2021-2022 ugereranyije n'utundi Turere tw'Intara y'Amajyepfo.

Guverineri Kayitesi yavuze ko Akarere ka Nyamagabe gafite abakozi bigaragara ko bashoboye ariko mu mikorere hakenewe kongerwamo imbaraga bagakora bagamije kugera ku musaruro Igihugu kibategerejeho.

Muri iyi nama, Guverineri yatanze inama zo gukoresha uburyo bwose bwo gukurikirana ibikorwa buri wese mubyo akora akumva ko ari uguhesha ishema Akarere.

Muri iyi nama, Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe yagaragaje aho Akarere kageze gashyira mu bikorwa imihigo y'umwaka w'ingengo y'imari 2022-2023.

By'umwihariko hagaragajwe imihigo ikiri inyuma maze Guverineri ndetse n'abagize inama y'umutekano itaguye y'Intara bagira inama Akarere ku bigomba gukorwa kugira ngo ibashe kugerwaho kandi hakiri kare.

Guverineri yasabye inzego zose ko hashyirwa imbaraga mu gukangurira abaturage guhinga ubutaka bwose, gushyira mu bikorwa gahunda ya Leta yo kwikura mu bukene, guteza imbere isuku, gukemura ibibazo by'abaturage no kurangiza imanza z'abaturage.





# Kwibuka29: Ababyeyi basabwe kwigisha abana amateka y'ukuri



Ku wa 13 Mata 2023, mu Karere ka Nyamagabe hasojwe icyumweru cy'icyunamo mu rwego rwo kwibuka ku nshuro ya 29 jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 maze abaturage basabwa kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside ahubwo bakihatira kubakira ku bumwe bw'abanyarwanda mu guteza imbere Igihugu.

Uyu muhango wabereye mu Murenge wa Kamegeri ku rwego rw'Akarere, uyoborwa na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe, Uwamahoro Clothilde ari hamwe n'abagize Komite Nyobozi y'Akarere, abayobozi b'inzego z'umutekano, amadini n'amatorero, ibigo bikorera mu Karere, abarokotse jenoside ndetse n'abaturage b'Umurenge wa Kamegeri.

Mu butumwa yagejeje ku bitabiriye uyu muhango, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere yavuze ko kwibuka bikomeza abanyarwanda by'umwihariko abarokotse jenoside yakorewe abatutsi kuko bibaha imbaraga zo kwamagana no kwirinda ikibi cyose.

Yagize ati "Ni umwanya wo kwamagana abagifite imitima yinangiye bakiziritse ku ngengabitekerezo ya jenoside, urwango kandi bagishaka guca abanyarwanda mo ibice"

Yavuze ko ababyeyi bafite inshingano zo kwigisha abana amateka y'ukuri yaranze Igihugu kugira ngo basobanukirwe aho Igihugu cyavuye, aho kigeze n'aho kigana.

Avuga ko abanyarwanda bakwiye kubakira ku isano ya Ndi Umunyarwanda kuko ariyo nkingi y'ubumwe bw'abanyarwanda.

Yagize ati "Dukomere ku bumwe bwacu kuko nizo mbaraga zacu. Twubakire ku isano dusangiye twese, isano ya Ndi Umunyarwanda kuko niyo nkingi y'ubumwe bwacu n'icyomoro kandi ni igihango dufitanye n'urwatubyaye".

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Niyomwungeri Hildebrand yavuze ko jenoside yari ishyigikiwe n'ubutegetsi mu nzego zose zaba iza gisivili, iza gisirikare kuva mu nzego zo hejuru kugeza mu nzego zo hasi.

Yavuze ko mu Murenge wa Kamegeri naho ariko byagenze kuko interahamwe zashishikariye gutwikira no gusahura imitungo y'abatutsi.







Umuyobozi w'Akarere yavuze ko amateka ya jenoside aha abanyarwanda umukoro wo gukomera ku mahitamo abanyarwanda bakoze yo kuba umwe, gutekereza byagutse no kwemera kubazwa inshingano.



Yagize ati "Ubumwe busaba ko bwigishwa guhera mu rugo, abakuru babwire abato ko abanyarwanda turi umwe, tubatoze umuco w'amahoro n'ubworoherane babone urubuga rwo gutekereza byagutse baharanira guteza imbere u Rwanda rwacu. Izi nizo nshingano tugomba kumva no kwemera kubazwa mu gihe tuzitezutseho".



Visi Perezida w'umuryango IBUKA mu Karere ka Nyamagabe, Sindikubwabo Patrick yashimye ko Leta yimakaje ko abantu bose babana kandi bakaba mu mahoro. Yashimye abagize uruhare mu kugira abatutsi barokora.

Ibikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 29 jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 birakomeza mu gihe cy'iminsi 100.



# Kwibuka29: Ku Rwibutso rwa Cyanika hibutswe abarenga 35,000 hanashyingurwa mu cyubahiro imibiri 25



Ku wa 23 Mata 2023, ku Rwibutso rwa Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 rwa Cyanika habereye igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 29 jenoside yakorewe abatutsi maze hanashyingurwa mu cyubahiro imibiri 25.

Ni igikorwa cyitabiriwe na Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE), Dr. Jean Damascène Bizimana ari hamwe na Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, Alice Kayitesi, Komite Nyobozi y'Akarere ka Nyamagabe, abayobozi b'inzego z'umutekano, abayobozi b'amadini n'amatorero, abarokotse jenoside yakorere abatutsi n'abaturage b'Umurenge wa Cyanika.

Muri iki gikorwa, Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Niyomwungeri Hildebrand yavuze ko amateka ya jenoside yakorewe abatutsi mu Cyanika afite umwihariko wayo kuko jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yaje ikurikira ubwicanyi bwibasiye abatutsi mu 1963 mu Cyanika.



Umuyobozi w'Akarere akavuga ko ibyo byashobotse kuko Republika ya mbere n'iya kabiri zakomeje kwigisha amacakubiri n'urwango byibasira abatutsi.

Yashimiye ubuyobozi bwa Leta y'ubumwe bw'abanyarwanda yiyemeje kwimakaza ubumwe n'ubudaheranwa, ikanatanga urubuga rwo kwibuka abatutsi bazize jenoside.

Ati "Niwo muti nyawo wo kuvura ibikomere twatewe n'ubutegetsi bubi, bwaranze Igihugu cyacu kuva mu 1959 kugera mu 1994. Turashimira abagize uruhare mu kwamagana no guhagarika jenoside yakorewe abatutsi. Turashimira ingabo za FPR-Inkotanyi zayihagaritse, hamwe n'abanze kwifatanya n'abicanyi, bagahisha abatutsi bahigwaga".



Yakomeje agira ati "Turashimira abarinzi b'igihango bari hano. Turashimira abarokotse jenoside yakorewe Abatutsi batanze imbabazi kandi bakiyunga n'ababiciye. Amateka y'Igihugu cyacu azerekana ko ukwitanga abo bose bagize ariyo nkingi ubumwe n'ubudaheranwa byacu byubakiyeho".

Minisitiri Bizimana yavuze ko kwibuka ari ngombwa kuko uretse kuba barishwe nabi bikaba bihora bitera abarokotse intimba n'akababaro kadashira, no mu buzima busanzwe nta muntu ushobora kwibagirwa abe yakundaga.



Yagize ati "Abarokotse jenoside dufite inshingano yo guhora dusubiza abatutsi bishwe agaciro, abanyarwanda twese natwe dufite iyo nshingano, agaciro bambuw n'abajenosideri kuko bishwe tukaba tutarashoboraga kubaherekeza ngo tubakorere imihango y'umuco nyarwanda yo kubashyingura mu cyubahiro gikwiye abantu".

Minisitiri yavuze ko ubwiyunge butashoboka mu gihe abagize uruhare muri jenoside batavugishije ukuri.







Yagize ati "Ntabwo twagera ku bwiyunge, ntabwo twagera ku bumwe nyabwo igihe tutavugisha ukuri. Ubu turifuza ko abanyarwanda bose tuba umwe, turifuza ko aya mateka akomeza akaba amateka ariko tukayigiraho kuko abafashe abatutsi bakabita inzoka, bakabambura ubumuntu, abo batatiye ubunyarwanda".

Muri iki gikorwa kandi hashyinguwe mu cyubahiro imibiri 25 ndetse hunamirwa kandi hashyirwa indabo ku mva ziruhukiyemo abarenga 35,000.

# Kwibuka29-Kibumbwe: Hagaragajwe uruhare rw'ubuyobozi bubi muri jenoside yakorewe abatutsi



Ku wa 15 Mata 2023, mu Murenge wa Kibumbwe hibutswe abazize jenoside yakorewe abatutsi mu 1994 maze hagaragazwa uruhare rw'ubuyobozi bubi muri jenoside by'umwihariko icyahoze ari Komine Karambo.

Ni umuhango wabereye ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Kibumbwe ahashyinguye imibiri 650, witabiriwe na Hon. Depite Uwumuremyi Marie Claire ndetse n'abayobozi b'Akarere ka Nyamagabe, inzego z'umutekano, abayobozi b'amadini n'amatorero, abarokotse n'abaturage b'Umurenge wa Kibumbwe.

Muri uyu muhango, Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Hildebrand Niyomwungeri yagaragaje ko ubuyobozi bubi aribwo bwagize uruhare mu gutegura no gushyira mu bikorwa jenoside.

Yagize ati "Mu Murenge wa Kibumbwe, amateka ya jenoside agaragaza uruhare rutaziguye rw'ubutegetsi muri jenoside yakorewe Abatutsi. Uwari Burugumesitiri Gashugi Augustin yabanje kudashyigikira ubwicanyi ariko yaje guhinduka nyuma y'inama yabereye kuri Perefegitura aho we yasabwe gufatanya n'abandi kwica abatutsi bitaga inyenzi cyangwa ngo yakwanga agapfana nabo, yavuye muri iyo nama afashe umwanzuro wo kwifatanya n'abicanyi mu buryo bweruye ataha abwira Interahamwe ko ari igihe cyo kwirwanaho, ko nawe ubwe yamaze gufata umwanzuro wo kurwanya abanzi aribo batutsi".



"Ni uko abatutsi bari bahungiye hano kuri Komine Karambo ahita abatanga baricwa. Tuboneyeho umwanya wo kwamagana ubutegetsi bubi bwa Leta y'abatabazi n'ubwayibanjirije bwateguye kandi bugashishikariza gukora jenoside ikorerwa abatutsi".

Umuyobozi w'Akarere yakomeje asaba abaturage kwirinda ingengabitekerezo ya jenoside kuko ari uburyo bwo kwirinda gusubira mu mateka nk'ayaranze mbere y'umwaka wa 1994.

Depite Uwumuremyi wari n'umushyitsi mukuru muri uyu muhango yagaragaje ko icyahoze ari Gikongoro cyagize ibyago byo kuyoborwa n'abantu bitandukanyije n'icyiza cyakomokaga mu murage gakondo w'abanyarwanda.



Ati "Twari dufite Igihugu, twari dufite umwami umwe atagira ubwoko ari uwa rubanda rwose, dukundana kandi dufashanya, duharanira kurwanira no kwagura Igihugu cyacu. Abayobozi batagira umutima rero batatiye icyo gihango bayoboka amacakubiri batojwe n'abakoroni ariko babimira bunguri".



Muri uyu muhango, Ndayisaba Vedaste yatanze ubuhamya bwagarutse ku buryo jenoside yashyizwe mu bikorwa by'umwihariko mu cyahoze ari Komine Karambo.



Abayobozi, abarokotse n'inshuti bunamiye kandi bashyira indabo ku rwibutso rwa Kibumbwe mu rwego rwo kubaha icyubahiro bambuwe.













# Ku Bitaro bya Kigeme abantu 101 babazwe uburwayi bw'ishaza



Ku bufatanye bw'Ibitaro bya Kigeme n'Ibitaro bya Kabgayi, kuva ku wa 25 kugeza ku wa 30 Mata 2023, mu Bitaro by'Akarere bya Kigeme habaye igikorwa cyo kuvura uburwayi bw'ishaza aho igikorwa cyarangiye habazwe abantu 101.

Ku wa kane tariki ya 25 Mata 2023 nibwo itsinda ry'abaganga baturutse mu Bitaro by'amaso bya Kabgayi bageze ku Kigeme kugira ngo bafatanye n'abaganga b'ibi bitaro kuvra abarwayi bazahajwe n'ishaza.

Muri ubu buvuzi, abantu 12 babazwe amaso yombi naho 89 babagwa ijisho rimwe.

Kabananira Cecile ni umwe mu bakorewe ubu buvuzi nyuma yo kuvurwa yagize ati " Sinatinya kuvuga mu magambo yanjye uko nari merewe mbere y'ubu burwayi. Nari mfite ubu burwayi ku jisho ry'ibumoso nkarebesha iry'iburyo sindebe neza mu byerekezo byose. Ariko bamaze kumfasha bakabubaga ibintu byose nabonye bigaragara neza ibyo nabonaga ari bito nkabona bimeze nk'ibyagutse kandi bitahinduye uko bingana. Nabonye umudendezo, nabaye nk'usohotse munzu arebera ibiri hanze mu kenge gato yasohoka akabona isi yose".

Ishami ry'ubuvuzi bw'amaso ry'Ibitaro bya Kigeme rimaze kwaguka no kugera ku ntambwe ishimishije kuko uretse no gukorana n'abaganga bo mu bindi bitaro mu buvuzi nk'ubu, kuri ubu ntibikiri ngombwa ko ukeneye indorerwamo z'amaso ajya i Kabgayi no mu bindi bitaro bya kure. Ibi bikaba byaragezweho ku bufatanye bw'Ibitaro n'Umushinga witwa Onesight Project.









# FOLLOW US ON:

@Nyamagabe

Nyamagabe District

www.nyamagabe.gov.rw

This Newsletter was produced

by

John MBARAGA
Public Relations and Communication Officer

Contacts:

Email: pro@nyamagabe.gov.rw
Phone: +250 739 814 445

www.nyamagabe.gov.rw

**DUKORANE UMURAVA DUTERE IMBERE**